REPUBULIKA Y'U RWANDA

# IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

## UKWEZI KWA KANAMA 2023

10 Nzeri 2023

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## IGIPIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA KANAMA 2023

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejejwe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Kanama 2023. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### A. Ibiciro mu mijyi

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 12,3% mu kwezi kwa Kanama 2023 ugereranyije na Kanama 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2023 byari byiyongereyeho 11,9%.

Mu kwezi kwa Kanama 2023, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 24,6%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 12,2% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 7%.

Iyo ugereranyije Kanama 2023 na Kanama 2022, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 8,4%.

Iyo ugereranyije Kanama 2023 na Nyakanga 2023, usanga muri rusange ibiciro byariyongereyeho 0,9%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 1,8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 2,5%

### B. Ibiciro mu byaro

Mu kwezi kwa Kanama 2023, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 20,8% ugereranyije na Kanama 2022. Ibiciro mu kwezi kwa Nyakanga 2023 byari byiyongereyeho 21%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kanama, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 33,3%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,5% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 14,5%.

Iyo ugereranyije Kanama 2023 na Nyakanga 2023, usanga muri rusange ibiciro byariyongereyeho 1,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,9%.

© Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda 

## C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Mu kwezi kwa Kanama 2023 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 17,4% ugereranyije na Kanama 2022. Mu kwezi kwa Nyakanga 2023 ibiciro byari byiyongereyeho 17,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera mu kwezi kwa Kanama 2023, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 30,8%, ibiciro by'ibinyobwa bisembuye n'itabi byiyongereyeho 11,8% n'ibiciro by'amafunguro n'icumbi byiyongereyeho 10,6%.

Iyo ugereranyije Kanama 2023 na Nyakanga 2023, usanga muri rusange ibiciro byariyongereyeho 1,2%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 2,6%.

**Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Kanama 2022 kugeza muri Kanama 2023.**

| ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije | 2022 | | | | | 2023 | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | 08 | 09 | 10 | 11 | 12 | 01 | 02 | 03 | 04 | 05 | 06 | 07 | 08 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi | 15,9 | 17,6 | 20,1 | 21,7 | 21,6 | 20,7 | 20,8 | 19,3 | 17,8 | 14,1 | 13,7 | 11,9 | 12,3 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro | 23,6 | 28,5 | 39,2 | 42,9 | 39,2 | 38,8 | 37,1 | 39,5 | 35,9 | 28,2 | 25,1 | 21,0 | 20,8 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda | 20,4 | 23,9 | 31,0 | 33,8 | 31,7 | 31,1 | 30,3 | 31,0 | 28,4 | 22,4 | 20,4 | 17,3 | 17,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi | 0,5 | 2,1 | 2,7 | 0,8 | 0,0 | 1,3 | 1,8 | 1,8 | 1,1 | -1,3 | 0,4 | 0,0 | 0,9 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro | 1,6 | 3,8 | 7,6 | 1,5 | -2,5 | 2,6 | 3,2 | 4,3 | 2,0 | -3,5 | -1,0 | 0,0 | 1,4 |
| Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda | 1,1 | 3,1 | 5,6 | 1,3 | -1,5 | 2,1 | 2,7 | 3,4 | 1,7 | -2,7 | -0,4 | 0,0 | 1,2 |
| *Isoko:Ikigo cy' igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda* | | | | | | | | | | | | | |

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103  Hot line: 4321

Web site: www.statistics.gov.rw /CPI Indexes

Email: info@statistics.gov.rw